# UMUVUNYI

Nyakanga - Nzeri 2021
MAGAZINE Nº 43

*Ikinyamakuru cy'Urwego rw'Umuvunyi gishishikariza Abaturarwanda kurwanya Akarengane na Ruswa*




**GITANGIRWA UBUNTU**

## IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

- TURWANYE AKARENGANE
- TURWANYE RUSWA
- TWIMAKAZE IMIYOBORERE MYIZA

www.ombudsman.gov.rw / E-mail: ombudsinfo@ombudsman.gov.rw

Hamagara ku buntu : 199 / Kohereza ubutumwa ku buntu: 1990

# IBIRIMO



03



05



12



17



33




34


| | |
|---|---|
| Urwego rw'Umuvunyi rurahamagarira abaturage kumenya uburenganzira bwabo no gusobanukirwa n'amategeko abarengera. | 03 |
| Urwego rw'Umuvunyi rurasanga gukemura ibibazo by'abaturage bigomba kuza mu byihutirwa | 05 |
| Umuvunyi Mukuru yasuye Umudugudu w'Ikitegererezo wa Kinigi abaturage banamugezaho ibibazo bafite. | 07 |
| Intara y'Uburasirazuba: Urwego rw'Umuvunyi muri gahunda yo gukurikirana ibibazo by'abaturage bitarakemurwa | 08 |
| Intara y'Amajyepfo: Urwego rw'Umuvunyi rwakurikiranye ibibazo rwagejejweho n'abahatuye ariko bikaba bitarakemuka | 09 |
| Intara y'Amajyaruguru: Uturere twa Rulindo na Gicumbi twasuwe n'Urwego rw'Umuvunyi mu rwego rwo gukurikirana ibibazo by'abahatuye bitarakemuka | 10 |
| Umuyobozi w'Urwego rushinzwe kurwanya ruswa muri Angola hamwe n'itsinda yari ayoboye bakoreye Urugendo-shuri ku Urwego rw'Umuvunyi | 11 |
| Uburenganzira bwa nyir'umutungo igihe cyo kuwugurisha muri cyamunara hifashishijwe ikoranabuhanga | 12 |
| Tumenye itegeko ryerekeye kurwanya ruswa: Ukutaryozwa icyaha cya ruswa | 16 |
| Gushyira mu bikorwa amasezerano nyafurika yo gukumira no kurwanya ruswa | 18 |
| U Rwanda rwifatanyije n'ibihugu bya Afurika mu kwizihiza umunsi nyafurika wahariwe kurwanya ruswa | 20 |
| Abayobozi n'Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bashyikirije Inyandiko z'Imenyekanishamutungo Biro ya Sena | 22 |
| Urutonde rw'abahamwe burundu n'icyaha cya ruswa guhera muri Mutarama kugera muri Werurwe 2021 | 23 |
| Inkuru ishushanyije | 34 |

# IJAMBO RY'IBANZE



NIRERE Madeleine
Umuvunyi Mukuru

**Urwego rw'Umuvunyi rurahamagarira abaturage kumenya uburenganzira bwabo no gusobanukirwa n'amategeko abarengera.**

Buri muntu wese afite uburenganzira, ubwisanzure n'agaciro kandi ibyo arabivukana. Ibi byose bishimangirwa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu mwaka 2003 ryavuguruwe 2015 n'andi mategeko biteganya ko umuntu afite uburenganzira busesuye kandi ko afite agaciro mu mibereho n'amahirwe angana kuri buri wese.

N'ubwo hari ihame ry'uko nta muntu wemerewe kutamenya itegeko, ikigero kinini cy'abaturage ntibasobanukiwe amategeko. Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano ikomeye yo kwigisha abaturage amategeko bakayamenya mu rwego rwo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa.

Tumaze kubona ko Urwego rw'Umuvunyi rwakira ibibazo by'akarengane rushyikirizwa n'abaturage twasuzuma tugasanga hari inzira z'amategeko umuturage yagombaga kunyuramo ariko akaba atarabikoze, twakurikirana tugasanga harabayeho kutamenya amategeko, uburenganzira n'inshingano ze bisobanurwa n'ayo mategeko; Urwego rw'Umuvunyi rwatangiye gahunda yo guhugura no gusobanurira abaturage amategeko akoreshwa cyane cyane mu mibereho yabo ya buri munsi binyuze mu buryo butandukanye. harimo n'ikinyamakuru cy'Urwego rw'Umuvunyi cyitwa "UMUVUNYI MAGAZINE".

Uretse inshingano ziteganywa n'itegeko zo kwigisha abaturage amategeko abarengera, hari n'izindi nshingano z'Urwego rw'Umuvunyi ziteganywa n'itegeko arizo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa; gutoza Abanyarwanda indangagaciro zo kwanga, gukumira, kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa; gusuzuma no gukora igikwiye ku bibazo by'akarengane na ruswa bitakemuwe n'inzego zibishinzwe; kugira inama Guverinoma mu gushyiraho no guteza imbere politiki n'ingamba byo gukumira, kurwanya no guhana akarengane na ruswa; gukurikirana uko politiki n'ingamba byo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa bishyirwa mu bikorwa ndetse no kwakira no kugenzura imenyekanishamutungo.

Turakangurira abaturage kujya basoma ikinyamakuru "UMUVUNYI MAGAZINE"mu rwego rwo gushakamo amakuru ajyanye n'amategeko cyane cyane abarengera no kumenya inshingano z'Urwego rw'Umuvunyi ndetse na bimwe mu bikorwa kiba cyagarutseho byakozwe n'Urwego rw'Umuvunyi.

Baturage, banyarwanda ni tugire uruhare rwacu kandi rufatika mu kumenya amategeko aturengera n'uburenganzira busobanurwa n'ayo mategeko! Kandi bizabe umuco, nibyo bizatugeza ku gukumira no kurwanya akarengane aho dutuye, tugenda, dukorera bityo tukubaka igihugu kizira akarengane na ruswa. Ndabashimiye!

**NIRERE Madeleine**

**Umuvunyi Mukuru**



# CORRUPTION SULLIES YOUR MIND

# SWEEP IT AWAY!

# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

## Urwego rw'Umuvunyi rurasanga gukemura ibibazo by'abaturage bigomba kuza mu byihutirwa



Umuvunyi Mukuru Mme NIRERE Madeleine ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Mme NUWUMUREMYI Jeannine, mu kiganiro n'Abayobozi b'Imirenge muri gahunda yo gukurikirana ikemuka ry'ibibazo by'abaturage.

Kuva Tariki 13 Kugera 17 Nzeli 2021, Abakozi n'Abayobozi b'Urwego rw'Umuvunyi basuye uturere tumwe na tumwe mu Ntara y'Amajyepfo, iy'Amajyaruguru n'Iy'Iburasirazuba hagamijwe gukurikirana aho ibibazo abaturage bagejeje ku Rwego rw'Umuvunyi bigeze bikemuka.

By'umwihariko mu Ntara y'Amajyaruguru aho Umuvunyi Mukuru yakoreye iyi gahunda, yasanze uturere twarateye intambwe ishimishije mu gukemura ibibazo. Mu nama Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine yakoranye n'abayobozi ku karere ka Musanze tariki ya 15/09/2021, barebeye hamwe uburyo ibibazo byasigiwe akarere ka Musanze byakemutse.

Umuvunyi Mukuru yasabye aba bayobozi barimo n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge kujya bihutisha gukemura ibibazo by'abaturage.

Yagize ati "Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge nk'intumwa z'abaturage, gukemura ibibazo by'abaturage bigomba kuza mu byihutirwa kandi hakabaho guhuza imbaraga kw' Inzego mu gukemura ibyo bibazo."

Umuvunyi Mukuru yongeyeho ko na none ubuhuza hagati y'abafitanye ibibazo bwashyirwamo imbaraga ku bibazo bishobora gukemuka muri ubwo buryo bitabaye ngombwa kujya mu nkiko.

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Madamu NUWUMUREMYI Jeannine, yashimye Urwego rw'Umuvunyi maze avuga ko imikoranire narwo ifasha mu gukemura ikibazo cy'umuturage kandi bigateza imbere imiyoborere.

# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

Ibi bikaba byarakozwe muri gahunda yo gukurikirana ibibazo by'akarengane by'abaturage bagejeje ku Rwego rw'Umuvunyi mu gihe cy'Ubukangumbaga bwo gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane bukorwa hirya no hino mu turere.

Uretse itsinda ry'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bari bayobowe n'Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine ryakoreye mu Karere ka Gakenke, Musanze na Burera, hari kandi n'andi matsinda yakoreye iyi gahunda mu bindi bice by'Igihugu.

Umwanditsi:

Jean Paul MBARUSHIMANA





# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

## Umuvunyi Mukuru yasuye Umudugudu w'Ikitegererezo wa Kinigi abaturage banamugezaho ibibazo bafite.




Umuvunyi Mukuru Mme NIRERE Madeleine aganiriza abatuye umudugudu w'icyitegererezo wa Kinigi, banamugezaho bimwe mu bibazo bafite.

Tariki ya 16 Nzeli 2021, mu cyumba mbera byombi cy'Akagari ka Kampanga, Umurenge wa Kinigi, mu mudugudu w'Icyitegererezo wa Kinigi, habereye Inama yahuje Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine, Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru Madamu NYIRARUGERO Dancille, Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Madamu NUWUMUREMYI Jeannine, Inzego z'Umutekano n'abandi bayobozi hamwe n'abaturage batuye mu mudugudu w'Icyitegererezo.

Iyi nama yahuje abayobozi n'abaturage yari igamije kurebera hamwe ndetse no gukemura ibibazo bitandukanye aba baturage bari bafite. Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine yasabye abaturage batuye uyu mudugudu kujya biyambaza inzego zibegereye kandi bakamenya n'amategeko abarengera ndetse n'uburenganzira bahabwa n'amategeko.

Abaturage bahawe umwanya babaza ibibazo bitandukanye ndetse hari n'ibyahise bihabwa umurongo n'Umuvunyi Mukuru hamwe n'abandi bayobozi.

Bimwe mu bibazo abaturage bagejeje ku Muvunyi Mukuru birimo ikibazo cy'abatarishyuwe ibyabo byangijwe mu masambu yabo hacishwamo ibikorwaremezo, ikibazo cy'ibitarakemuka mu myubakire y'amazu bahawe, ikibazo cy'imihanda yajyaga ku masambu yabo yafunzwe bakaba batabona uko bagerayo mu buryo bwihuse, ikibazo cy'abatarishyuwe amazu y'ubucuruzi kubera ko ayo mazu yari ku cyangombwa kimwe nayo bari batuyemo, ikibazo cy'imperekeza bari baremerewe bagasabwa no gufunguza ama compte, ikibazo cy'abari baratanze amazu yabo ho ingwate muri Banki n'ikibazo cyo kuba batarahabwa ibyangombwa by'amazu bahawe.

Umuvunyi Mukuru yijeje ubuvugizi kuri bimwe mu bibazo bitazashobora gukemurwa n'ubuyobozi bw'Akarere ariko asaba abaturage nabo gukomeza kubungabunga umudugudu mwiza w'ikitegererezo bubakiwe.

Umwanditsi:

Jean Paul MBARUSHIMANA



# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

## Intara y'Iburasirazuba: Urwego rw'Umuvunyi muri gahunda yo gukurikirana ibibazo by'abaturage bitarakemurwa



Umuvunyi Wungirije Hon. MUKAMA Abbas, Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza n'Inzego z'Umutekano mu gukurikirana ibibazo by'abaturage

Hon. MUKAMA Abbas ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza mu gukemura ikibazo cy'Umuturage witwa GATO Félix mu karere ka Kayonza muri gahunda y'ikurikirana ry'ibibazo biba byaragejejwe ku Urwego rw'Umuvunyi bikohererezwa uturere ngo tubikemure ariko bigatinda gukemurwa, kuva tariki ya 13 kugeza tariki ya 17 Nzeli 2021, Umuvunyi wungirije Hon. MUKAMA Abbas ari kumwe n'itsinda ry'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi basuye Intara y'Iburasirazuba muri gahunda yo gukurikirana ibibazo by'abaturage bo muri iyi ntara byakiriwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021.

Ibi bibazo birimo ibyakiriwe mu gihe hakorwaga ubukangurambaga bwo gukumira no kurwanya akarengane ndetse n'ibyo Urwego rw'Umuvunyi rwagejejweho n'abaturage mu nzira zisanzwe.
Uturere twahereweho ni Rwamagana, Kayonza na Nyagatare hakaba hakunze kurangwa ibibazo ahanini birebana n'amakimbirane ku butaka.

Muri ibi bibazo byakemuwe ku bufatanye n'abakozi b'uturere harimo ibyahise bikemurwa ibindi bihabwa umurongo uzatuma haboneka ibisubizo birambye.

Iyi gahunda yakozwe ku bufatanye n'Umuryango w'Ibihugu by'Ubumwe bw'Uburayi, ni gahunda yo kwegera abaturage mu rwego rwo kubakemurira ibibazo baba bagejeje ku nzego bireba.

Umwanditsi:

Amri SAFARI



# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

## Intara y'Amajyepfo: Urwego rw'Umuvunyi rwakurikiranye ibibazo rwagejejweho n'abahatuye ariko bikaba bitarakemuka



Umuvunyi wungirije Hon. Yankulije Odette ari kumwe n'Abayobozi mu Karere ka Nyanza mu gukurikirana ikemurwa ry'ibibazo by'abaturage

Umuvunyi wungirije Hon. Yankulije Odette ari kumwe n'intumwa z'Akarere ka Nyanza mu gukemura ikibazo cya BAJENEZA Lambert muri gahunda yo gukurikirana ikemurwa ry'ibibazo Abaturage baba baragejeje ku Urwego rw'Umuvunyi bigahabwa uturere ngo tubikemure, kuva tariki ya 13 kugeza kuya 17 Nzeli 2021 Urwego rw'Umuvunyi rwatangiye igikorwa cyo gukurikirana ibibazo byakiriwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021 biri mu turere bitarakemurwa.

Muri Ibi bibazo harimo ibyagejejwe ku Urwego rw'Umuvunyi binyuze mu nyandiko harimo n'ibyakiriwe mu gihe cy'Ubukangurambaga bwo gukumira no kurwanya Akarengane hirya no hino mu gihugu.

Mu Ntara y'Amajyepfo Umuvunyi wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane Madamu Yankulije Odette hamwe n'itsinda ry'abandi bakozi bakurikiranye ibibazo bitari byakemuka mu turere twa Nyanza, Huye, Gisagara na Nyaruguru.

Byinshi muri ibi bibazo byari byarahawe uturere ngo tubikemure kuko twari tubifitiye ubushobozi, hari ibyamaze gukemuka, ibyari mu nzira yo gukemuka ndetse n'ibitarakemutse ariko byahise bihabwa umurongo n'igihe ntarengwa byaba bimaze gukemuka mu rwego rwo kurinda umuturage kurengana kandi yaragejeje ikibazo cye ku nzego bireba.

Umwanditsi:

Amri SAFARI



# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

## Intara y'Amajyaruguru: Uturere twa Rulindo na Gicumbi twasuwe n'Urwego rw'Umuvunyi mu rwego rwo gukurikirana ibibazo by'abahatuye bitarakemuka




MBARUBUKEYE Xavier Umunyamabanga Uhoraho w'Urwego rw'Umuvunyi n'abandi bayobozi mu Karere ka Gicumbi mu gukemura ibibazo by'abaturage

Umunyamabanga Uhoraho w'Urwego rw'Umuvunyi hamwe n'itsinda ayoboye bari mu murenge wa Rushaki bakemura ikibazo cya DUFITUMUKIZA Angelique. banakurikiranye kandi ibindi bibazo by'abaturage bo mu turere twa Rulindo na Gicumbi kuva tariki 13 kugeza tariki 17 Nzeli 2021.

Ibi bibazo ni ibyakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi mu mwaka w'ingengo y'Imari 2020-2021 bitari byakemurwa n'inzego bireba. Ibi bibazo kandi ibyinshi byakiriwe muri gahunda y'ubukangurambaga bwo gukumira no kurwanya akarengane ikorwa n'Urwego rw'Umuvunyi mu turere tunyuranye tw'Igihugu.

Harimo kandi n'ibindi bibazo biba byaragejejwe ku Urwego rw'Umuvunyi mu zindi nzira zisanzwe zikoreshwa mu kugeza ibibazo ku Urwego rw'Umuvunyi.

Ibyinshi mu bibazo biri muri utu turere bijyanye n'amakimbirane yo mu miryango aho umunyamabanga Uhoraho w'Urwego rw'Umuvunyi Bwana MBARUBUKEYE Xavier yasabye abaturage kwemera koroherana bagafasha inzego zibegereye kubakemurira ibibazo kandi bakizera ibyemezo byazo.

Ibibazo byakurikiranwe byarakemutse ibindi bihabwa umurongo bisigirwa Inzego bireba kugira ngo zizabikemure zigeze raporo ku Urwego rw'Umuvunyi.

Umwanditsi:

Amri SAFARI



# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

## Umuyobozi w'Urwego rushinzwe kurwanya ruswa muri Angola hamwe n'itsinda yari ayoboye bakoreye Urugendo-shuri ku Urwego rw'Umuvunyi



1. Hon. MUKAMA Abbas (Umuvunyi Wungirije), 2. Dr. Sebastião D. Gunza (Umuyobozi w'Urwego rushinzwe kurwanya ruswa muri Angola), 3. Hon. NIRERE Madeleine (Umuvunyi Mukuru), 4. Hon. Eduardo Octavio Ambasaderi wa Angola mu Rwanda, 5. Hon. YANKULIJE Odette (Umuvunyi Wungirije)

Ku wa gatatu tariki 11 Kanama 2021, Umuyobozi w'Urwego rushinzwe kurwanya ruswa muri Angola, Dr. Sebastião D. Gunza (Minister Inspector General) hamwe n'itsinda yari ayoboye baherekejwe n'Ambasaderi w'Igihugu cya Angola mu Rwanda Nyakubahwa Eduardo Octavio basuye Urwego rw'Umuvunyi mu rugendo-shuri, bakirwa n'Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine, Abavunyi Bungirije; Madamu Yankulije Odette ushinzwe Gukumira no Kurwanya Akarerengane, Bwana Mukama Abbas ushinzwe Gukumira no Kurwanya Ruswa hamwe n'abandi bayobozi ku Rwego rw'Umuvunyi.

Mu biganiro bagiranye byibanze cyane ku bunararibonye bw'u Rwanda mu kurwanya ruswa by'umwihariko uburyo u Rwanda rwashyize mu bikorwa Politiki y'Igihugu yo Kurwanya ruswa, Uburyo kurwanya ruswa mu gihugu byatangiye n'aho bigeze ubu ndetse n'Ingamba Leta y'u Rwanda yashyizeho mu guhangana na ruswa.

Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine yavuze ko Leta y'u Rwanda yafashe ingamba nyinshi mu gukumira no kurwanya ruswa. Yagize ati: "Guverinoma y'u Rwanda yafashe ingamba nyinshi zo kurwanya ruswa  kandi ibyo byajyanye n'ubushake bwa politiki nziza yimakajwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame yo kutihanganira abatanga, abakira n'abarya ruswa (Zero Tolerance to Corruption).

Uyu muyobozi w'Urwego rushinzwe kurwanya ruswa muri Angola, Dr. Sebastião D. Gunza, (Minister Inspector General) n'Itsinda yari ayoboye bashimye cyane imirimo ikorwa n'Urwego rw'Umuvunyi by'umwihariko ingamba zihari zashyizweho mu gukumira no kurwanya ruswa

Umwanditsi:

Jean Paul MBARUSHIMANA



# TURWANYE AKARENGANE

**UBURENGANZIRA BWA NYIR'UMUTUNGO IGIHE CYO KUWUGURISHA MURI CYAMUNARA HIFASHISHIJWE IKORANABUHANGA**

Kugurisha umutungo muri cyamunara hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga biteganywa n'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi mu ngingo yaryo ya 279, naho uburyo bwo gushyira mu bikorwa cyamunara hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga bikagengwa n'Iteka rya Minisitiri N° 005/MOJ/AG/21 ryo ku wa 07/06/2021 ryerekeye irangizwa ry'inyandikompesha.

Muri rusange, uburenganzira bwa nyir'umutungo igihe cyo kugurisha umutungo we muri cyamunara buteganywa n'amategeko, cyane cyane igihe cy'ifatira ry'umutungo, igihe cyo gutangaza cyamunara n'igihe cyo kugurisha umutungo muri cyamunara. Ikindi kandi, mu rwego rwo gukumira abantu bajyaga bitabira cyamunara bagaragara nk'abaguzi ariko mu by'ukuri atari bo ahubwo ari abantu bagamije kwica cyamunara, amategeko yateganyije amafaranga y'ingwate y'ipiganwa ku bifuza kugura umutungo muri cyamunara, uwapiganwe watsinzwe akayasubizwa, naho uwatsindiye cyamunara akayaheraho yishyura amafaranga y'igiciro yatsindiyeho muri cyamunara.

**UBURENGANZIRA BWA NYIR'UMUTUNGO IGIHE CY'IFATIRA RYAWO NI UBUHE ?**

Ku byerekeye uburenganzira bwa nyir'umutungo igihe cy'ifatira ryawo, amategeko ateganya ko Umuhesha w'Inkiko akora inyandikomvugo y'ifatira igaragaza ku buryo busobanuye neza urutonde rw'umutungo ufatiriwe, ibiwuranga, aho uherereye, uwo bifatiriwe mu maboko n'ushinzwe kubirinda. Kopi y'iyo nyandikomvugo ihabwa uwafatiwe ibintu. Umuhesha w'Inkiko afatira ibintu hari nibura nyir'ibintu bifatirwa cyangwa uwo basangiye umutungo cyangwa ubibitse, hari n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari umutungo ufatirwa uherereyemo cyangwa umuhagarariye (Ingingo ya 217 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018). Iyo ibyo bitubahirijwe, nyir'umutungo afite uburenganzira bwo kuregera Urukiko rw'Ibanze rw'aho umutungo watejwe cyamunara uherereye, akarugaragariza ko uburyo ifatira ryakozwe ku mutungo we butubahirije amategeko; bityo agasaba ko cyamunara yakozwe cyangwa irimo gukorwa iteshwa agaciro.

**UBURENGANZIRA BWA NYIR'UMUTUNGO IGIHE CYO GUTANGAZA CYAMUNARA NI UBUHE ?**

Ku byerekeye uburenganzira bwa nyir'umutungo igihe cyo gutangaza cyamunara, amategeko ateganya ko mu gihe cy'amasaha mirongo ine n'umunani (48) kuva Umuhesha w'Inkiko yemeje igiciro cy'umutungo ugomba kugurishwa, akora itangazo rya cyamunara rigaragaza umutungo ugomba gutezwa cyamunara, umwirondoro wa nyirawo, umwirondoro w'ugomba kwishyurwa, impamvu ya cyamunara, aho umutungo uherereye, itariki cyamunara izaberaho n'isaha izatangiriraho. Itangazo rya cyamunara rishyirwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa ari rwo www.cyamunara.gov.rw rugenzurwa na Minisiteri y'Ubutabera, hariho ifoto y'umutungo ugurishwa n'icyemezo gihamya nyir'umutungo.

Iryo tangazo rigomba kandi gushyikirizwa nyir'umutungo ugurishwa, ugomba kwishyurwa, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari k'aho umutungo uherereye, rikanatangazwa kuri Radio cyangwa Televiziyo n'ikinyamakuru cyandika bikorera mu Rwanda. Iyo ari umutungo utimukanwa itangazo rya cyamunara rimanikwa ku Biro by'Akagali k'aho uwo mutungo uherereye. Ibintu byafatiriwe ntibishobora kugurishwa muri cyamunara mbere y'iminsi itanu (5) cyamunara itangajwe (ingingo ya 253 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018). Iyo ibyo bitubahirijwe na bwo

# TURWANYE AKARENGANE

biba impamvu yo kuregera Urukiko no kurusaba ko cyamunara iteshwa agaciro.

Hari ubwo Umuhesha w'Inkiko afatira umutungo w'umuntu udafite aho ahuriye n'urubanza cyangwa indi nyandikompesha irimo gushyirwa mu bikorwa, nko kuba nyir'umutungo wafatiriwe atarabaye umuburanyi mu rubanza rurangizwa. Iyo ari uko biteye, nyir'ibintu byafatiriwe byose cyangwa iyo bimwe muri byo ari ibye, ashobora kubuza Umuhesha w'Inkiko wabifatiriye kubigurisha, atanga ikirego cyihutirwa mu Rukiko rw'Ibanze rw'aho ibyafatiriwe biri cyangwa mu Rukiko rw'Ubucuruzi iyo ibifatirwa biri mu rwego rw'ubucuruzi, bikamenyeshwa uwafatiriye n'uwafatiriwe ibintu n'ushinzwe kugurisha ibintu muri cyamunara nibura mbere y'uko igurisha rirangira. Ikirego gikorwa mu buryo bw'umwanzuro ukubiyemo ibimenyetso bigaragaza ko ibyo bintu ari iby'urega koko, maze Urukiko rukabifataho icyemezo (ingingo ya 254 y'itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018).

Uretse Itangazo rya cyamunara ryavuzwe haruguru, ibindi bishyirwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa ni ibi bikurikira :
1° Imanza zateweho inyandikompuruza n'izindi nyandikompesha;
2° Amasezerano y'ubwumvikane yo kurangiza urubanza iyo urubanza rwarangijwe ku neza bitabaye ngombwa gufatira no guteza cyamunara umutungo w'uwatsinzwe;
3° Inyandikomvugo y'ifatirabwishyu;
4° Raporo isoza cyamunara.

**(Ingingo ya 267 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018).**

Umuhesha w'Inkiko ashyira ku Rubuga rw'imanza zirangizwa rwagaragajwe haruguru igikorwa cyose cyerekeranye n'irangizwa ry'inyandikompesha bitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi ikurikira umunsi yakoreyeho icyo gikorwa.

## IBICIRO BITANGWA GUTE KANDI MU GIHE KINGANA GUTE KU RUBUGA RW'IMANZA ZIRANGIZWA ?

Ku byerekeye itangwa, ibikwa n'itangazwa ry'ibiciro kuri urwo Rubuga rw'Imanza zirangizwa, Abapiganwa batanga ibiciro bakoresheje uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu kurangiza inyandikompesha.

Ibiciro byatanzwe bibikwa mu ibanga hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga bwo kurangiza inyandikompesha.

Mu muhango wa cyamunara, kuva cyamunara itangajwe, uburyo bw'ikoranabuhanga buteye ku buryo ku munsi wa karindwi w'inshuro ya mbere no ku munsi wa karindwi w'inshuro ya kabiri bugaragaza igiciro gisumba ibindi. Ku nshuro ya gatatu uburyo bw'ikoranabuhanga bugaragaza ibiciro byatanzwe ku nshuro ya mbere, iya kabiri n'iya gatatu, uko bisumbana kuva ku gisumba ibindi ujya ku gito n'amazina y'abapiganwe. Muri uwo muhango wa cyamunara, uwahawe ingwate, uwatanze ingwate, cyangwa nyir'umutungo wafatiriwe afite uburenganzira bwo kwishakira abaguzi bashobora gupiganwa muri cyamunara.

Abifuza ibindi bisobanuro ku byerekeye imikoreshereze y'urubuga www.cyamunara.gov.rw rw'imanza zirangizwa cyangwa kugira icyo bafashwa mu rwego rwo kubungabunga uburenganzira bwabo igihe cyo kurangiza inyandikompesha hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga, bakwandikira Minisiteri y'Ubutabera bakoresheje Email ikurikira : iecms.support@minijust.gov.rw cyangwa bagahamagara kuri telefoni igendanwa 0788300686 cyangwa 0738300686.

# TURWANYE AKARENGANE

Muri iyi Magazine turakomeza tubasobanurira uko Ikirego gisaba gutesha agaciro cyamunara gitangwa, umubare w'amafaranga abapiganira muri cyamunara batanga, itangazwa ry'ibiciro ku rubuga ry'imanza zirangizwa ryo rikorwa rite, ibi nibyo tugiye kubasobanurira muri iyi nyandiko yacu.

**NYUMA Y'ITANGAZWA RY'IBICIRO KU RUBUGA RY'IMANZA ZIRANGIZWA BIGENDA GUTE ?**

Nyuma y'itangazwa ry'ibiciro ku rubuga ry'imanza zirangizwa, uwatanze igiciro gisumba ibindi agomba kwishyura kandi agashyikiriza Umuhesha w'Inkiko gihamya y'uko yishyuye mu gihe kitarenze amasaha mirongo irindwi n'abiri (72). Iki gihe kibarwa uhereye ku isaha yamenyesherejweho ko ari we watsindiye cyamunara. Iyo icyo gihe kirangiye uwatsindiye cyamunara atishyuye, umutungo ugurishwa usubizwa mu cyamunara. Iyo abapiganwa barenze umwe batanze ibiciro bingana bisumba ibindi biciro byatanzwe, abanganyije ibiciro bisumba ibindi bongera guhabwa amahirwe yo kongera gupiganwa ako kanya, hagati yabo, utanze igiciro gisumba ibindi akaba ari we utangazwa nk'uwatsindiye cyamunara.

Iyo atishyuye mu gihe kitarenze amasaha mirongo irindwi n'abiri (72) cyavuzwe haruguru, uwamukurikiye ku giciro ni we utangazwa nk'uwatsindiye cyamunara, na we akubahiriza igihe cy'amasaha mirongo irindwi n'abiri (72) abarwa uhereye ku isaha yamenyesherejweho ko ari we watsindiye cyamunara. Ni na ko bikomeza kugenda iyo ukurikiye atishyuye. Iyo nta n'umwe mu batanze ibiciro bisumba ibindi wishyuye, umutungo ugurishwa usubizwa mu cyamunara.

Nyir'umutungo cyangwa uwafatiriwe umutungo, uwafatiriye umutungo cyangwa uwishyuza afite uburenganzira bwo kwanga igiciro kinini cyatanzwe ku nshuro ya mbere no ku nshuro ya kabiri mu gihe kitagejeje kuri mirongo irindwi na gatanu ku ijana (75%) by'agacirofatizo katangajwe n'Umuhesha w'Inkiko.Iyo nyir'umutungo cyangwa uwafatiriwe umutungo, uwafatiriye umutungo cyangwa uwishyuza banze igiciro gisumba ibindi, Umuhesha w'Inkiko atangaza mu gihe cy'amasaha makumyabiri n'ane (24), ko cyamunara ikomeje. Ku nshuro ya gatatu, umutungo utezwa cyamunara wegukanwa n'uwatanze igiciro gisumba ibindi byatanzwe ku nshuro zose z'ipiganwa.

**AMAFARANGA Y'INGWATE Y'IPIGANWA NI ANGAHE, YISHYURWA GUTE ?**

Umuntu uba mu Rwanda cyangwa mu mahanga ushaka gupiganira mu cyamunara umutungo ufite agaciro fatizo kangana cyangwa karengeje amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) yishyura kuri konti ya MINIJUST yabugenewe ingwate y'ipiganwa isubizwa y'amafaranga atanu ku ijana (5%) by'agaciro fatizo k'uwo mutungo katangajwe mu itangazo rya cyamunara.

Iyo cyamunara imaze gukorwa, upiganwa asubizwa ingwate y'ipiganwa yatanze mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi ibarwa uhereye igihe yabisabiye. Iyo uwatsinze ipiganwa yishyuye mu gihe giteganywa n'amategeko, yishyura igiciro yatanze akuyemo ingwate y'ipiganwa. Icyakora, iyo uwatsinze ipiganwa atishyuye mu gihe giteganywa n'amategeko, ingwate y'ipiganwa yatanze ishyirwa mu isanduku ya Leta ndetse akanaryozwa igihombo nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga.

# TURWANYE AKARENGANE

**IYO NYIR'UMUTUNGO ABONA HARI IBIRIMO GUKORWA MU BURYO BUNYURANYIJE N'AMATEGEKO IGIHE CYO GUFATIRA UMUTUNGO, IGIHE CYO GUTANGAZA CYAMUNARA N'IGIHE CYA CYAMUNARA ASHOBORA KWIYAMBAZA NDE MBERE YO KUREGERA URUKIKO ?**

Iyo nyir'umutungo abona hari ibirimo gukorwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko igihe cyo gufatira umutungo, igihe cyo gutangaza cyamunara n'igihe cya cyamunara ashobora kwiyambaza Ubuyobozi bw'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga, akoresheje telefoni ya Perezida w'urwo Rugaga (0788 533 598) cyangwa telefoni y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa warwo (0788 306 975) iyo urimo guteza cyamunara ari Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga.

Nyir'umutungo ashobora kandi kwiyambaza Minisiteri y'Ubutabera (MINIJUST) kuko ari yo ifite mu nshingano zayo igikorwa cyo kurangiza imanza.

Nyir'umutungo ashobora na none kwiyambaza Urwego rw'Umuvunyi kuko rufite mu nshingano zarwo gukumira no kurwanya akarengane.

Iyo cyamunara irimo gukoreshwa n'Umuhesha w'Inkiko utari uw'umwuga, nk'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge, icyo gihe nyir'umutungo ashobora kwiyambaza Ubuyobozi bukuriye uwo Muhesha w'Inkiko utari uw'umwuga.

**IKIREGO GISABA GUTESHA AGACIRO CYAMUNARA GITANGWA MU RUKIKO MU GIHE KINGANA GUTE ?**

Ikirego gisaba gutesha agaciro cyamunara gitangwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye umunsi cyamunara yabereyeho. Guhagarika no gutesha agaciro cyamunara ku mitungo igurishwa hashingiwe ku cyemezo cyo kugurisha ingwate cyatanzwe n'Umwanditsi Mukuru, bisabwa Umwanditsi Mukuru. Umwanditsi Mukuru atanga igisubizo mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi. Iyo hari utishimiye igisubizo cy'Umwanditsi Mukuru cyangwa udahawe igisubizo mu gihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi, abitangira ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe yamenyeye icyo gisubizo.

Umwanditsi:



NZABAMWITA Anaclet



# TURWANYE RUSWA

## TUMENYE ITEGEKO RYEREKEYE KURWANYA RUSWA: UKUTARYOZWA ICYAHA CYA RUSWA

Mu rwego rwo gushishikariza abatura-rwanda gutanga amakuru kuri ruswa, hagiye hashyirwaho ingamba zituma batanga amakuru nta gushidikanya kurimo, zirimo: Itegeko N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa riteganya ukutaryozwa icyaha cya ruswa n'Itegeko N° 44bis/2017 ryo ku wa 06/09/2017 rirengera abatanga amakuru ku byaha, ku bikorwa cyangwa imyitwarire binyuranyije n'amategeko.

Muri iyi nyandiko, turibanda ku kutaryozwa icyaha guteganywa mu ngingo ya 19 y'Itegeko N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa.

Ese ukudatanga amakuru ni ikibazo?

Ubushakashatsi bunyuranye bugaragaza ko hari ikibazo cyo kudatanga amakuru ku byaha, ku bikorwa cyangwa imyitwarire binyuranyije n'amategeko harimo icyaha cya ruswa, n'ubwo u Rwanda rufite Itegeko N° 44bis/2017 ryo ku wa 06/09/2017 rirengera abatanga amakuru ku byaha, ku bikorwa cyangwa imyitwarire binyuranyije n'amategeko.

Ubushakashatsi bw'Urwego rw'Umuvunyi n'ubwa Transparency International Rwanda bugaragaza ko igipimo cy'abatanga amakuru kuri ruswa kikiri hasi:

◉ Ubushakashatsi bw'Urwego rw'Umuvunyi bwitwa Baseline study on the status of corruption in Rwanda bwagaragaje ko abantu barenga 85% batanze cyangwa bakiriye indonke badatanga amakuru. Impamvu eshatu zituma badatanga amakuru ni ugutinya kugirirwa nabi (fear of reprisal), nta kizakorwa kuri ayo makuru (feeling that nothing positive would come out of reporting), na we yari akeneye iyo serivise (win-win game);

◉ Ubushakashatsi bwa Transparency International Rwanda bwitwa Rwanda Bribery Index 2020 bugaragaza ko abantu 88.1% badatanga amakuru kuri ruswa. Impamvu eshatu z'ingenzi bugaragaza zibitera ni: iyo umuntu atanze amakuru, nta cyizere ko hari ikizakorwa (27.8%), nta ndonke basabwe (25.7%), yaba ari ukwishinja (20.1%).

Muri rusange, biragaragara ko impamvu yo kwanga kwishinja cyangwa iy'uko na we yari akeneye iyo serivise zigaragara mu mpamvu zatanzwe, ari yo mpamvu ukutaryozwa icyaha cya ruswa byashyizwe mu Itegeko ryerekeye kurwanya ruswa.

### Itegeko N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa

Muri iri tegeko, ingingo ya 19 iteganya uburyo bubiri bwo kurengera utanga amakuru :

◉ Uwatanze cyangwa wakiriye indonke mu rwego rwo gufasha ubutabera kubona ibimenyetso ku cyaha cya ruswa ntafatwa nk'uwakoze icyaha iyo yabimenyesheje inzego z'ubutabera mbere y'uko icyo cyaha gikorwa ;

◉ Nta buryozwacyaha bubaho ku muntu watanze cyangwa wakiriye indonke, ubimenyesha inzego z'ubutabera mbere y'uko ikurikiranwa ry'icyaha ritangira, atanga amakuru cyangwa agaragaza ibimenyetso.

### Utanze cyangwa wakiriye indonke mbere y'uko icyaha gikorwa

Ingingo ya 19, igika cya mbere cy'Itegeko N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa kivuga ko uwatanze cyangwa wakiriye indonke mu rwego rwo gufasha ubutabera kubona ibimenyetso ku cyaha cya ruswa ntafatwa nk'uwakoze icyaha iyo yabimenyesheje inzego z'ubutabera mbere y'uko icyo cyaha gikorwa.

Ibi bikorwa iyo hari utanze amakuru mu nzego z'ubugenzacyaha mbere y'uko icyaha kiba ariko yasabwe cyangwa yakiriye indonke.

# TURWANYE RUSWA

Abaturage barashishikarizwa gutanga amakuru mu nzego ku gihe aho kugura uburenganzira bwabo.

Nta buryozwacyaha bubaho ku muntu watanze cyangwa wakiriye indonke, ubimenyesha mbere y'uko ikurikiranwa ry'icyaha ritangira.

Ingingo ya 19, igika cya 2 cy'Itegeko N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa kivuga ko Nta buryozwacyaha bubaho ku muntu watanze cyangwa wakiriye indonke, ubimenyesha inzego z'ubutabera mbere y'uko ikurikiranwa ry'icyaha ritangira, atanga amakuru cyangwa agaragaza ibimenyetso.

Iyi ngingo ishimangira ibiteganywa n'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo Kurwanya ruswa aho ingingo ya 37, 3o ivuga ukudakurikirana umunyabyaha wafashije ubugenzacyaha cyangwa ubushinjacyaha (Each State Party shall consider providing for the possibility, in accordance with fundamental principles of its domestic law, of granting immunity from prosecution to a person who provides substantial cooperation in the investigation or prosecution of an offence established in accordance with this Convention).

Ingingo ya 19 y'Itegeko N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa igaragaza kandi ko umuntu atanga amakuru cyangwa agaragaza ibimenyetso.

Iyo urebye ingingo ya 5 y'Itegeko N° 44bis/2017 ryo ku wa 06/09/2017 rirengera abatanga amakuru ku byaha, ku bikorwa cyangwa imyitwarire binyuranyije n'amategeko yerekana ibibujijwe mu gutanga amakuru, ku muntu:

- Utanga amakuru y'ibinyoma agamije inyungu ze bwite cyangwa ashingiye ku rwango, ishyari cyangwa amakimbirane ashobora kuba ari hagati y'utanga amakuru n'uwo ayatangaho cyangwa undi muntu ufitanye isano n'utangwaho amakuru;
- Utanga amakuru mu nyungu z'uwo agamije kurengera cyangwa kubikora agambiriye gusebanya no gutesha agaciro umuntu cyangwa urwego yatanzeho amakuru.

Ibi bigahura kandi n'inshingano yo gutanga amakuru iteganywa n'ingingo ya 3 y'iri tegeko N° 44bis/2017 ivuga ko Umuntu wese afite inshingano yo gutanga amakuru azi cyangwa yamenyeshejwe ku byaha, ku bikorwa cyangwa ku myitwarire binyuranyije n'amategeko. Utanga amakuru afite kandi inshingano yo gushishoza ku makuru, kuyasesengura no kuyagenzura neza akayatanga ari uko ayafitiye gihamya.

Abaturarwanda barasabwa gukomeza kwiyubakira Igihugu banga ruswa n'akarengane, bagatanga amakuru mu nzego zibishinzwe kandi ku gihe, cyane cyane ko hari n'itegeko ribarengera.

Umwanditsi:

BIRASA Fiscal Jacques





# TURWANYE RUSWA

**GUSHYIRA MUBIKORWA AMASEZERANO NYAFURIKA YO GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA**

Amavu n'amavuko y'Umunsi Nyakurika wo Kurwanya Ruswa Hashingiwe ku nama ya 30 y'Inama Nyobozi y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe yateranye kuva ku wa 27-30/01/2017, hakemezwa ko buri tariki ya 11/07 uzajya uba Umunsi Nyafurika wo kurwanya ruswa aho Ibihugu bya Afurika byongera gusuzuma no kuzirikana ingamba zashyizweho zo kurandura ruswa ku Mugabane hagamijwe guteza imbere ubukungu bw'Ibihugu no kurwanya ubukene mu babituye. Iyi nama yabaye kuwa 25-27 Mutarama, 2017, iteranira i Addis Abeba , Ethiopia.

Kugira ngo Ibihugu bya Afurika bishobore gushyiraho uyu munsi byashingiye ku Masezerano Nyafurika yo Gukumira no Kurwanya Ruswa yemejwe n'Ibihugu bya Afurika Yunze Ubumwe, i Maputo muri Mozambique kuwa 11 Nyakanga 2003.

**Amategeko n'Amabwiriza byashyizweho mu Rwanda n'ibikorwa bigamije gukumira no kurwanya ruswa n'amategeko yashyizweho hubahirizwa Amasezerano Nyafurika yo gukumira no kurwanya ruswa:**

◉ Itegeko Nshinga ryo mu mwaka wa 2003 nk'uko ryavuguruwe mu mwaka wa 2015;
◉ Itegeko Ngenga N° 005/2018.OL ryo ku wa 30/08/2018 rihindura Itegeko Ngenga n° 10/2013/OL ryo ku wa 11/07/2013 rigenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki;
◉ Itegeko Ngenga no 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rijyanye n'Imyitwarire y'Abayobozi nk'uko ryavuguruwe n'Itegeka Ngenga no04/2013/OL ryo kuwa 08/02/2013;
◉ Itegeko N° 005/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga ubufatanye mu by'amategeko mu rwego mpanabyaha;
◉ Itegeko N° 75/2019 ryo ku wa 29/01/2020 rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;
◉ Gushyiraho Itegeko No54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa;
◉ Gushyiraho urugereko ruburanisha imanza z'ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu mu Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko;
◉ Hashyizweho Itegeko N044bis/2017 ryo kuwa 06/09/2017 rirengera abatanga amakuru ku byaha, ku bikorwa cyangwa imyitwarire binyuranyije n'amategeko;
◉ Gushyiraho Itegeko no 42/2014 ryo ku wa 27/01/2015 rigenga igaruzwa ry'umutungo ukomoka ku cyaha;
◉ Itegeko N° 83/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda, rikanagena imitunganyirize n'imikorere byarwo;
◉ Gushyiraho ibyerekeye imenyekanishamutungo mu Itegeko no 76/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi;
◉ Itegeko no 04/2013 ryo kuwa 08/02/2013 ryerekeye kubona amakuru;
◉ Iteka rya Perezida no 64/01 ryo kuwa 12/02/2014 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inama Ngishwanama yo Kurwanya ruswa n'akarengane.

**Ibikorwa by'ingenzi u Rwanda rwakoze mu rwego rwo gushyira mubikorwa Amasezerano Nyafurika yo Gukumira no Kurwanya Ruswa:**

◉ Guhugura no gushishikariza abaturage b'ingeri zitandukanye gukumira no kurwanya ruswa;
◉ Gutegura buri mwaka icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa kiba buri mwaka mu kwezi k'Ukuboza n'Umunsi nyafurika wo kurwanya ruswa uba ku wa 11 Nyakanga, aho ibikorwa bitandukanye bikorwa mu gihugu bigamije gutanga ubutumwa burimo gukumira no kurwanya ruswa. Ni muri urwo rwego, abaturage bashishikarizwa kugira uruhare mu rugamba rwo gukumira no kurwanya ruswa;
◉ Gukora isuzumamikorere ry'Inzego za Leta, iz'abikorera, Sosiyete Sivili ndetse n'Imiryango Mpuzamahanga ikorera mu Rwanda hagamijwe

# TURWANYE RUSWA

gusesengura niba amategeko n'amabwiriza ariho byubahirizwa no kureba niba buri rwego rwarashyizeho ingamba zihamye zo gukumira no kurwanya ruswa nk'uko biteganywa mu ngingo ya 3 y'Itegeko No54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa;

- Guhozaho kwigisha abaturage kugira uruhare rukomeye rwo gutanga amakuru ajyanye n'icyaha cya ruswa;
- Kwakira buri mwaka imitungo y'Abayobozi ndetse n'Abakozi ba Leta bateganywa n'itegeko no gusesengura inkomoko nyakuri y'iyo mitungo;
- Kwakira no gusuzuma buri mwaka inyandiko z'ibaruramari z'imitungo y'Imitwe ya Politiki;
- Hashyizweho Komite zo Kurwanya ruswa (Anti-Corruption Committees) mu Nzego za Leta, iz'abikorera, iza Sosiyete Sivili n'Imiryango Mpuzamahanga ikorera mu Rwanda;
